KUREGERA UBUSHINJA-CYAHA MUKANDAMAGE DOMITILLE N'ABO BAFATANYIJE IBYAHA BYO KUMBUZA KWISHYIRA NKIZANA, BANANANSEBYA, BANTESHA AGACIRO N'ICYUBAHIRO MU GIHUGU.

MUNYAMBIZI Patrice
Segiteri-CYUGA
Komine-RUTONGO
KIGALI.

Bwana Prokireri wa Repubulika,

K I G A L I.-

A traiter par ....S.E.D..........
Date d'entrée ..18 ... 988.......
N° classement ..........1996

29/3/88

Bwana Prokireri,

Mbandikiye mbagezaho ibirego ndega aba bakulikira:

1- MUKANDAMAGE Domitille

2- GAKULIRO Léonidas, Superefe wa Perefegitura ya MURAMBI, Prefegitura ya KIGALI.

3- HABARUREMA Bonaventure, utuye mu MUHIMA, muli Komine-NYARUGENGE, Prefegitura ya KIGALI.

1- KULI MUKANDAMAGE Domitille.

Kuba kuwa 27-12-1987 ukuboza yaraje mu rugo iwanjye i CYUGA, Komine-RUTONGO, kunsaka avuga ko nafatanyije na MUKAMAGERA Xaverina kuligisa umwana witwa KABAGWIRA Vestina.

- Kuba kuwa 25/1/1988, yaramfatishije, akamfungishiliza muli Gereza ya Kigali kugeza kuwa 2/3/88 nzira icyaha cy'ubusebanye yansize, kandi azi neza ko ntagikoze.

2- KULI GAKULIRO Léonidas.

Kuba, muli icyo gihe cy'igikorwa cya muramuwe, MUKANDAMAGE Domitille, yarakimfashijemo k'uburyo bweruye, nk'uko bigaragazwa n'ibaruwa ye ili muli Kinyamateka N°1208 yasohotse kuwa 1/2/88, alinayo yashyikilijwe Konseye wa Segiteri CYUGA.

3- KULI HABARUREMA Bonaventure.

Kuba, yarahishiye MUKANDAMAGE Domitille uwo mwana, bagambiliye kunsebya hamwe n'urugo rwanjye rwose, banshinja igihanga cy'umuntu.

Bwana Prokireri, mbasabye kwakira ibi birego ndega abo bantu kuli ibyo byaha bankoreye, kandi mbasaba kubibakulikiranaho.

Muzaba mubaye Intabera.
Mugire amahoro y'Imana.

MUNYAMBIZI Patrice.